ISOMO RY'AGATATU RYO KUBA UMWIGISHWA A YESU

N'IKI KIBAHO IYO TWAKIRIYE KIRISITU

… DUHINDUKA ICYAREMWE GISHYA

I. IRIBURIRO

Twese tuzi uburyo isi ishinja abakristo kuba indyarya. Kubakristo benshi ibi nukuri, ariko siko biri. Ntabwo tugiye kugerageza kwiregura kuri uku kuri. Ahubwo, dushobora kugerageza kumva amakimbirane ari muri twe hagati yo gusa n'isi no gusa na Yesu. Nyuma yogusobanukirwa ibi, dushobora gutanga urugero rwiza Imana idusaba. Mu isomo ryuyu munsi, turashaka kwireba ubwacu, no gusesengura imiterere yumubiri / iyumwuka. Ibi birakenewe kugirango dushobore kuba impinduka zikenewe kugirango duhinduke icyo Imana ishaka ko tuba cyo. Tuzamenya ko nubwo turi "ibiremwa bishya" muri Kristo, tutatakaje kamere yacu. Kandi kubwibyo tuzagira uruhare kurugamba hagati y'umubiri ni umwuka ubuzima bwacu bwose.

II. *TURI UMUBIRI, UBUGINGO, N'UMWUKA*

Uri ubugingo bufite umubiri numwuka. Ubugingo bwawe bugizwe nibitekerezo, ubushake, n'amarangamutima. Ubugingo bwawe nuwo uriwe. Mugihe wari umwana, ntiwashoboraga gutandukanya icyiza n'ikibi. Ariko ubu, wakuze mubwenge (imitekerereze), wamenye gutandukanya icyiza n'ikibi, kandi kubushake ushobora wenda, uhitamo gukora ikibi. Ayo mahitamo ashora guteza amakimbirane muri wowe (amarangamutima), kuko wari uzi ko utagomba gukora ikibi, ariko wahisemo gukora ikibi.Icyo gihe ugomba kwirengera ingaruka zoguhitamo nabi kwawe.

Bibiliya ivuga neza muri EZEKIEL 18: 4, "... ubugingo bw'icyaha buzapfa." Nyuma yoguhitamo nabi rero ako kanya watandukanijwe n'Imana ukazacirwaho iteka ndetse uzababazwa ubuziraherezo ikuzimu. Ubugingo bwawe bufite umubiri numwuka. Nubwo ubugingo bwawe bwaciriweho iteka kumara ubuziraherezo. Imana yaguhaye inzira yo guhunga igihano cyawe gikwiye. Yohereje umwana we Yesu kuba incungu cy'ibyaha byawe. Iyo wemeye (ibitekerezo), ko wacumuye ku Mana, ukicuza kubyo wakoze (amarangamutima), ugahitamo gutera umugongo icyaha, ugasaba Imana imbabazi, kandi ukakira Yesu nkumwami ni umukiza wawe, Imana noneho yohereza Umwuka Wera mu muri wowe. ntazigera akuvahomo. Iyi niyo mpamvu ushobora kuvuga ko "wavutse ubwa kabiri", kuko ubu (kubwumwuka w'Imana), wavukiye muburyo bwumwuka mumuryango w'Imana. Ubu uri umwana we. Kandi ibyo byose (nkuko tumaze kubyiga) byazanywe no kuba wemeye Yesu nkumukiza. Ubugingo bwawe numwuka wawe nigice cyawe cyakijijwe. Ugomba kumva ko kuvuka kwawe muburyo bwumwuka byari umugambi w'Imana. Ubugingo bwawe bwavutse ku Mana ntibushobora kwanduzwa n'icyaha. Kubera iki? Kuberako ku "imbuto y'Imana", idashobora gukora icyaha. Uku kuri kugaragarira muri 1 YOHANA 3:9

III. *TURI IBYAREMWE BISHYA ARKO TURACYAMBAYE UMUBIRI WA KAMERE*

Nubwo udashobora gucumura muburyo bwumwuka (nyuma yo kwakira Kristo nkumukiza), arko ushobora gucumura kumubiri, kuko utatakaje "kamere yawe" igihe wakiriye Kristo. Intumwa Pawulo yasobanuye uku kuri mu BAROMA 7: 14-25 aho yigishije ko nubwo "untu w'imbere" (umwuka), yashakaga gukorera Imana, yasanze irindi "tegeko" ry'umubiri we, ryarwanije "ubushake bwa (roho). Hanyuma yagize ati: "Nanjye ubwanjye mubitekerezo byanjye (roho), ndi imbata y'amategeko y'Imana, ariko muri kamere y'icyaha (umubiri),nkaba imbata y'amategeko

yicyaha." Ni ngombwa ko usobanukirwa itandukaniro rikomeye riri hagati y'imiterere y'umubiri na kamere yawe yumwuka. Kudasobanukirwa itandukaniro riri hagati yibi byombi bishobora gutuma dutsindwa mu mwuka na kamere yacu y'umubiri. Byombi ntibivanga nkuko Yesu yabivuze muri YOHANA 3: 6. Kubireba abizera, kamere imwe igomba kugandukira iyindi.

IV. ***URUGAMBA HAGATI YUMUBIRI N'UMWUKA***

GALATIYA 5:17 Hatwigisha ko ibyifuzo byumubiri wawe, hamwe n ibyifuzo byUmwuka, bizahora bihanganye muburyo wowe (roho) uzagira ingorane igihe cyo gukora igikwiye. Inzira imwe yonyine izagufasha gutsinda ayo makimbirane ni uguhitamo, imwe muri kamere yawe igaharira indi.

Umubare munini wabakristu muri iki gihe barimo gutwarwa na kamere y'umubiri kuberako aribyo biboroheye. Ariko hariho ikiguzi cyo kwishyura mugihe unyuranyije nubushake bw'Imana,aricyo kuzababara ubziraherezo. Icyo ugomba gukora nukugirango kamere yawe yumubiri ihindurwe nubushake bwUmwuka muri wowe nkuko byigishijwe mu Bagalatiya 5:16. Kandi nubwo uzanyura mubihe bitoroshye byamakimbirane, uzabona amahoro no kunyurwa no gukora ibyo Imana ishaka, kandi uzanyurwa kuko Imana yakuremye kubw'intego. Kugira ngo ibyo bishoboke, intwaro zimwe na zimwe zo mu mwuka zigomba gukoreshwa. Tuzabyiga mu masomo azaza. Iyi ntambara izarangira ryari? Bizarangira umunsi wapfiriyeho, cyangwa umunsi Yesu azagaruka. Igihe cyose ufite umubiri, Satani azahora arwana nubugingo bwawe (ubwenge, ubushake, n'amarangamutima) kugirango akubuze "kwamamaza ubutumwa bwiza" bw'ubwumwami wacu Yesu Kristo. Muri icyo gihe, Umwuka Wera azakomeza umuntu wawe w'imbere kandi akuyobore kuva ku ntsinzi ugana kuyindi.

V. UMUSOZO

Hari igihe mubuzima bwacu dukora ibintu tutakagombye gukora, cyangwa kumva inzira tutagombye kumva. Muri icyo gihe, Satani, "se w'ikinyoma", araza akadushyiramo ibitekerezo ko tutakiri abana b'Imana kubera ibikorwa byacu cyangwa ibitekerezo byacu bibi. Muricyogihe niho tugomba kwibuka ko dufite kamere ebyiri. Tugomba kubwira Satani gufata ibinyoma bye hanyuma , tugasaba Data kutubabarira mugihe twakoze ibibi, tukiyemeza gukora gufata umwanzuro kwegurira Mwuka kutuyobora. Nitwiga gukora ibi, tuzakomera mu mwuka kandi dutangire kubaho ubuzima bwumwigishwa nyawe wa Yesu Kristo.

ISUZUMA BUMENYI MUBY'UMWUKA



KWIGA BIBILIYA (Umurongo 1 kumunsi)

1.Abaroma 8: 5-9 ... Kamere yicyaha itekereza iki? Kuki umuntu utekeza akurikije kamere yumubiri adashimisha Imana? Ni ubuhe buryo Umwana w'Imana akwiye kubaho?

2. Abaroma 13: 11-14 ... Bibiliya isobanura iki iyo ivuga ko tugomba "gukanguka dusinziriye"? Ku murongo wa 12, ni iki Pawulo agereranya n'umubiri n'umwuka? Nigute dushobora guhaza ibyifuzo bya kamere yacu yicyaha?

3. Abakolosayi 3: 1-17 ... Ubuzima bwacu bwihishe murinde? Nigute ushobora gukuramo "umuntu wakera" agashyiraho "umuntu mushya"? Ukurikije umurongo wa 12, ubwoko bw'Imana bugomba kwambara iki?

4. Abefeso 4: 22-32 ... Kuki umukristo akwiye kwivanomo "umuntu wakera"? Niki imyifatire yacu ikwiye kwifata imbere ya kamere yacu yicyaha? Ni ibihe bintu abana b'Imana batagomba gukora?

ISENGESHO: Andika umuntu cyangwa ibyifuzo wasengeye uyumunsi

GUSABANA: Vuga izina ry'umwizera umwe mwiganye ijambo ry'Imana.

UMUHAMYA: Andika izina ry'umuntu udakijijwe wazanye kuri Kirisitu nuko ni uburyo wabikoze.